FINA BANK

Your Partner in Growth and Development

Ishami :	
Izina rya konti:	
Nimero ya konti:	

Ifishi yo gufunguza konti ku masosiyeti

www.finabank.com

Irembo ribageza ku bisubizo biboneye mu bijyanye n'amabanki.

IFISHI YO GUFUNGUZA KONTI KU MASOSIYETI

Izina rya konti _____

☑ Hitamo akazu gakwiye

Ubwoko bwa konti ☐ kubitsa no kubikuza ☐ iyo kwiteganyiriza konti ibikuzwaho mu bihembwe ☐Iyindi

Ubwoko bw'amadevize ☐ RWF ☐ Andi madevize (vuba ayariyo) …….....

Ubwoko bwa serivisi ikozwe ☐ Wowe wenyine ☐ Mwese hamwe ☐ Umukono wanyu mwese Umwe muri mwe ashobora gusigarana amafaranga mu gihe umwe apfuye.

Ndasaba/Turasaba kudufungurira konti ijyanye n'ibyo twasabye hejuru. Ndemera/Turemera gutanga impapuro zose zisabwa mw'ifungurwa ry'iyo konti kandi niyemeje/twiyemeje kubahiriza amategeko ariho agenga imikoreshereze y'iyo konti.

Amazina y'abafite ububasha bose kuri konti (mu nyuguti nkuru)	Ubwoko bw'umurimo ashinzwe	Ubwenegihugu
1. _____	_____	_____
2. _____	_____	_____
3. _____	_____	_____
4. _____	_____	_____
5. _____	_____	_____

Aderesi y'iposita ya sosiyeti

Agasanduka k'iposita _____ Umugi _____ Kode iranga iposita _____

Aderesi y'aho sosiyeti ihereye

Umurenge _____ Selile _____ Segiteri _____ Akarere _____

Mumaze igihe kingana iki mukorera aha? _____ Ni ahanyu bwite cyangwa murakodesha? _____

Telefoni : ku biro _____ mobile _____ fax _____

Aderesi ya Email yo ku biro _____

Ubwoko bw'imirimo mukora _____

Italiki mwatangiye gukora nka sosiyeti _____

Nimero y'icyemezo cyo gukora nka sosiyeti _____

Umuntu ubazi neza wabatangaho amakuru (agomba kuba amaze byibura umwaka umwe ari umukiliya ba Fina Bank)

1. Amazina _____ Umukono _____

Aderesi _____ Nimero ya konti _____

Nimero ya telefoni _____ Umaze igihe kingana iki uzi usaba gufungurirwa konti? _____

Izindi konti waba ufite muri iki gihe (haba muri Fina Bank cyangwa se ahandi)

Izina rya banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

Izina rya banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

DIREGITERI / IBIRANGA UMUHABWA BUBASHA KURI KONTI

☐ Bwana ☐ Madamu ☐ Umukobwa Izina rya mbere _____

Izina rikurikiraho _____

Izina rya nyuma _____

Ubwenegihugu _____ Italiki y'amavuko _____

Nimero y'irangamuntu _____ Nimero ya pasiporo _____ Nimero imuranga mu biro by'imisoro _____

Italiki yatangiweho _____ Italiki izarangiriraho _____

Aderesi y'iposita y'umuntu bwite

Agasanduka k'iposita _____ Umugi _____ Kode iranga iposita _____

Aderesi y'aho atuye cg akorera

Umurenge _____ selile _____ segiteri _____ Akarere _____

Umaze igihe kingana iki kuri iyo aderesi watanze? _____ Ni ahawe bwite cyangwa urakodesha? _____

Nimero ya telefoni: mu biro _____ mu rugo _____

Mobile _____ fax _____

Aderesi ya Email yawe bwite _____ Aderesi ya Email y'aho ukorera _____

Akazi ukora / Sobanura neza ubwoko bw'akazi ukora _____

Izina rya sosiyeti ukorera _____

Amafaranga winjiza mu kwezi _____

_____

Andi ma konti waba ufite (haba muri Fina Bank cyangwa se ahandi)

Izina rya Banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

Izina rya Banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

Omeka hano hasi ifoto yawe
Ya pasiporo kandi y'amabara

Umukono wawe
(Gerageza gushyira umukono wawe imbere muri ako kazu)

Izina _____

DIREGITERI / IBIRANGA UMUHABWA BUBASHA KURI KONTI

☐ Bwana ☐ Madamu ☐ Umukobwa Izina rya mbere _____

Izina rikurikiraho _____

Izina rya nyuma _____

Ubwenegihugu _____ Italiki y'amavuko _____

Nimero y'irangamuntu _____ Nimero ya pasiporo _____ Nimero imuranga mu biro by'imisoro _____

Italiki yatangiweho _____ Italiki izarangiriraho _____

Aderesi y'iposita y'umuntu bwite

Agasanduka k'iposita _____ Umugi _____ Kode iranga iposita _____

Aderesi y'aho atuye cg akorera

Umurenge _____ selile _____ segiteri _____ Akarere _____

Umaze igihe kingana iki kuri iyo aderesi watanze? _____ Ni ahawe bwite cyangwa urakodesha? _____

Nimero ya telefoni: mu biro _____ mu rugo _____

Mobile _____ fax _____

Aderesi ya Email yawe bwite _____ Aderesi ya Email y'aho ukorera _____

Akazi ukora / Sobanura neza ubwoko bw'akazi ukora _____

Izina rya sosiyeti ukorera _____

Amafaranga winjiza mu kwezi _____

_____

Andi ma konti waba ufite (haba muri Fina Bank cyangwa se ahandi)

Izina rya Banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

Izina rya Banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

Omeka hano hasi ifoto yawe
Ya pasiporo kandi y'amabara

Umukono wawe
(Gerageza gushyira umukono wawe imbere muri ako kazu)

Izina _____

DIREGITERI / IBIRANGA UMUHABWA BUBASHA KURI KONTI

☐ Bwana ☐ Madamu ☐ Umukobwa Izina rya mbere _____

Izina rikurikiraho _____

Izina rya nyuma _____

Ubwenegihugu _____ Italiki y'amavuko _____

Nimero y'irangamuntu _____ Nimero ya pasiporo _____ Nimero imuranga mu biro by'imisoro _____

Italiki yatangiweho _____ Italiki izarangiriraho _____

Aderesi y'iposita y'umuntu bwite

Agasanduka k'iposita _____ Umugi _____ Kode iranga iposita _____

Aderesi y'aho atuye cg akorera

Umurenge _____ selile _____ segiteri _____ Akarere _____

Umaze igihe kingana iki kuri iyo aderesi watanze? _____ Ni ahawe bwite cyangwa urakodesha? _____

Nimero ya telefoni: mu biro _____ mu rugo _____

Mobile _____ fax _____

Aderesi ya Email yawe bwite _____ Aderesi ya Email y'aho ukorera _____

Akazi ukora / Sobanura neza ubwoko bw'akazi ukora _____

Izina rya sosiyeti ukorera _____

Amafaranga winjiza mu kwezi _____

_____

Andi ma konti waba ufite (haba muri Fina Bank cyangwa se ahandi)

Izina rya Banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

Izina rya Banki _____ Ishami rya _____ Nimero ya konti _____

Omeka hano hasi ifoto yawe
Ya pasiporo kandi y'amabara

Umukono wawe
(Gerageza gushyira umukono wawe imbere muri ako kazu)

Izina _____

Inshuro umukiliya yifuza kubona icyemezo cy'imiterere ya konti.

Ndasaba/turasaba ko ibyemezo biranga imiterere ya konti byajya byoherezwa:

Buri kwezi Buri mezi atatu

Nasomye/twasomye and nsobanukirwa/dusobanukira n'ibisabwa kugira ngo dufunguze kandi dukoreshe konti muri Fina Bank kandi twiyemeje kubikurikiza. Nemeye/twemeye ko iyi konti izafungurwa na Fina Bank gusa kandi nemeje/twemeje kuzishyura Fina Bank amafaranga yose azaba ajyanye n'ihagarikwa ry'iyi konti mu gihe tuzaba tutarayikoresheje uko bikwiye, ibyo bigakorwa nyuma y'iminsi 30 duhawe inyandiko ibisobanura.

Nemeye/twemeye ko iyi konti izagengwa n'amategeko hamwe n'amabwiriza rusange kandi nemeje/twemeje ko amakuru yose twatanze muri iyi nyandiko ari ukuri.

Bikozwe kw'italiki ya _____ _____ 20_____
(umunsi) *(ukwezi)* *(umwaka)*

Izina ry'umukiliya _____ Umukono _____

Izina ry'umukiliya _____ Umukono _____

Izina ry'umukiliya _____ Umukono _____

Izina ry'umukiliya _____ Umukono _____

Tanga igishushanyo kigaragaza aho ibiro mukoreramo bihereye

Musabwe kureba ko mwasomye neza kandi mugashyira umukono ku mategeko n'amabwiriza rusange mu gika cya II.

FINA BANK SA

Amategeko n'amabwiriza rusange

Isano riri hagati ya banki n'umukiliya ni isano riba hagati y'usaba inguzanyo hamwe n'uyitanga, biturutse ku bwoko bwa konti umukiliya afite muri iyo banki, yaba ari konti iriho umwenda cyangwa se ari konti iriho amafaranga. Iryo sano twavuze haruguru rigengwa n'amategeko y'u Rwanda, keretse aho amategeko n'amabwiriza rusange akubiye muri iyi nyandiko akenerwa gukurikizwa cyangwa se hari ibindi byemeranijweho n'umukiliya hamwe na banki ye mu nyandiko. Amabwiriza aya n'aya azakurikizwa ku bwoko bwa konti ubu n'ubu cyangwa se serivisi iyi n'iyi. Amafaranga make asabwa gusigara kuri konti y'umukiliya muri banki ntagomba kujya munsi y'ibihumbi icumi (10.000 FRW) mu gihe icyo aricyo cyose kuri buri konti,
Mu gihe umukiliya afite konti irenga imwe kw'ishami rimwe rya banki cyangwa se mu mashami atandukanye, iryo tegeko ry'amafaranga agomba gusigara kuri konti rizakurikizwa kuri buri konti. Mu gihe amafaranga asigara kuri konti ageze munsi y'amafaranga yateganijwe, iyo konti izacibwaho amafaranga nka "konti idatanga umusaruro", ayo mafaranga azacibwaho akazabarwa hakurijwe ikigereranyo kizaba cyashyizweho na banki kandi akaba ari banki ishobora kugihindura yonyine.

Amabwiriza yatanzwe n'umukiliya.

1. Banki izemera kandi ikure kuri konti y'umukiliya amafaranga yose angana n'ayanditswe kuri sheki, cyangwa se izindi nyandiko zose z'umukiliya zisaba banki kwishyura amafaranga, zanditswe kandi zigatangwa n'umukiliya, banki ikemera kandi gukurikiza amabwiriza yose ishobora guhabwa n'umukiliya ku byerekeranye na konti ye, n'ubwo ayo mabwiriza yo gusohora amafaranga kuri konti y'umukiliya cyangwa se andi mabwiriza yose ashobora gutuma konti yiyongera, ayo mabwiriza asabwa gusa kuba yarashyizweho umukono watanzwe n'umukiliya kuri banki ye. Banki ifite uburenganzira bwo kwanga gukurikiza amabwiriza yahawe n'umukiliya wayo, mu gihe ibona ko ayo mabwiriza ashobora gutuma konti ye ijyaho umwenda, cyangwa mu gihe banki ibona ko uwo mwenda ushobora kuruta uwemeranijweho n'umukiliya.

Abafite uburenganzira kuri konti.

2. Umukiliya azaha banki ye mu buryo bwemewe na banki ishusho y'umukono we hamwe n'iy'undi muntu wese uhawe uburenganzira n'uwo mukiliya bwo kuzajya akoresha iyo konti. Banki ifite uburenganzira bwo kwanga ishusho y'uwo mukono kandi nta muntu n'umwe uzaba ufite uburenganzira bwo kuyisaba gutanga ibisobanuro.

2a) Mu gihe hariho abakiliya babiri batandukanye basangiye konti imwe, amategeko akurikira nayo azakurikizwa:

Konti isangiwe:

i) Bene kugira konti isangiwe bashobora gutanga ububasha kuri banki yabo kwishyura amafaranga yaba yarasigaye kuri konti yabo mu gihe bagize impanuka ituma badashobora kongera gutanga amabwiriza, Banki ikayishyura umuntu yemeranijweho na ba nyir' ikonti cyangwa se umuhagarariye wemewe mu masezerano bagiranye.

ii) Umwenda uri kuri konti isangiwe n'abantu benshi ushobora kwishyuzwa uwo ariwe wese muri ba nyir'iyo konti.

iii) Mu gihe habayeho impinduka mu mategeko agenga sosiyeti cyangwa se ishyirahamwe, abagize iyo sosiyeti cyangwa se ishyirahamwe bazashyira umukono ku yandi mabwiriza.

Amabwiriza ahawe banki ahorana agaciro kandi ashobora gukurikizwa na banki kugeza igihe ba nyir'ikonti bose cyangwa se bake muri bo bandikiye banki bayasesa cyangwa se kugeza igihe ayo mabwiriza yasimbuwe n'ayandi mashya kandi iyo nyandiko y'isesa cyangwa se ayo mabwiriza mashya akaba yaragejejwe kuri banki mbere y'uko banki ikurikiza aya mbere. Banki ntacyo izabazwa kubera ko yakurikije amabwiriza ya mbere izaba yarahawe.

Konti ya koperative cyangwa se ishyirahamwe.

2b) Mu gihe umukiliya wa banki ari ishyirahamwe cyangwa se koperative, hazakurikizwa amategeko yandi akurikira :

i) Abagize iryo shyirahamwe baha banki uburenganzira bwo gukurikiza amabwiriza yahawe yaba ari ahagarika ukwishyurwa kwa za sheki, cyangwa se andi mategeko atandukanye ahabwa banki yo kwishyura mu gihe ayo mabwiriza yatanzwe n'umuntu uwo ariwe wese wahawe uburenganzira bwo gusinya, yaba yarasinye amabwiriza ya mbere asaba banki kwishyura, cyangwa se yarasinye ayandi.

ii) Abagize ishyirahamwe baha banki uburenganzira bwo gusohora amafaranga n'iyo yaba atagaragara kuri konti, ikayasohora nk'umwenda kuri konti cyangwa se undi mwenda uwo ariwo wose nk'uko byaba bisabwa n'abagize ishyirahamwe hakurikijwe amasezerano, kandi igahagarika kwishyura amafagitire cyangwa se izindi mpapuro zose nk'uko byaba bisabwa n'abagize ishyirahamwe hakurikijwe amasezerano.

iii) Abagize ishyirahamwe baha banki uburenganzira bwo gusohora amafaranga n'iyo yaba atagaragara kuri konti, ikayasohora nk'umwenda kuri konti cyangwa se undi mwenda uwo ariwo wose nk'uko byaba bisabwa n'abagize ishyirahamwe hakurikijwe amasezerano, kandi igahagarika kwishyura amafagitire cyangwa se izindi mpapuro zose nk'uko byaba bisabwa n'abagize ishyirahamwe hakurikijwe amasezerano.

iv) Abagize ishyirahamwe baha banki uburenganzira bwo gusohora amafaranga n'iyo yaba atagaragara kuri konti, ikayasohora nk'umwenda kuri konti cyangwa se undi mwenda uwo ariwo wose nk'uko byaba bisabwa n'abagize ishyirahamwe hakurikijwe amasezerano, kandi igahagarika kwishyura amafagitire cyangwa se izindi mpapuro zose nk'uko byaba bisabwa n'abagize ishyirahamwe hakurikijwe amasezerano.

v) Abagize ishyirahamwe baha banki uburenganzira bwo kwemera cyangwa se gufata nk'ingwate cyangwa se kubika mu bubiko bwayo umutungo uwo ariwe wose w'ishyirahamwe nk'uko byaba bisabwa n'abagize ishyirahamwe hakurikijwe amasezerano, kandi igakurikiza ayo masezerano ku kintu icyo aricyo cyose cy'iryo shyirahamwe yaba yaremeye kandi yarakiriye.

Konti igenewe amasosiyeti

2c) Mu gihe sosiyeti y'abanyamuryango bafite uburenganzira budasesuye yifuza gufunguza konti imwe cyangwa se nyinshi muri banki, hazakenerwa gutangwa izindi mpapuro zikurikira ziyongera ku mafishi asanzwe yo gufunguza konti.

i) Ibaruwa n'amategeko y'ishingwa ry'iyo sosiyeti agomba kuba ariho umukono, kopi yatanzwe y'ayo mategeko ikaba ari kopi y'ukuri koko kandi itararengeje igihe, ikagaragaza amategeko arimo agenderwaho muri icyo gihe.

ii) Icyemezo cy'ishyirwaho n'ubwoko by'iyo sosiyeti (icyemezo cy'ibanze kitari kopi kigomba gutangwa kuri banki kugira ngo gisuzumwe neza kigasubizwa nyuma).

iii) Lisiti y'amazina na za aderesi z'abakuru b'iyo sosiyeti muri icyo gihe n'igihe kizaza, hamwe n'abayobozi bayo ndetse na za nimero za TIN zabo.

iv) Kopi y'icyemezo cyavuye mu nama y'abayobozi bakuru b'iyo sosiyeti cyemeza ifungurwa rya konti y'iyo sosiyeti hamwe n'amabwiriza agenga uburyo iyo konti izajya ikoreshwa (inyandiko y'ibanze itari kopi iba yaratanzwe muri banki ishobora gusubizwa mu gihe ikenewe).

v) Numero ya TIN ya sosiyeti

Mu gihe mu gufunguza konti umuntu ashyizemo ingingo ivuga ko, mu gihe cy'urupfu rwe, amafaranga ari kuri iyo konti yazahabwa kanaka cyangwa se ko yahabwa uwo basangiye konti, banki izakurikiza iyo ngingo.

Umwenda wose abanyamuryango baba bafitiye banki ushobora kwishyuzwa uwo ariwe wese muri abo banyamuryango.

Amabwiriza yose, amatangazo cyangwa se ibaruwa zihindura ibi n'ibi ziturutse muri sosiyeti cyangwa ishyirahamwe birebana n'uburyo konti y'iyo sosiyeti cyangwa ishyirahamwe igomba gukoreshwa, amabwiriza yatanzwe yaba asaba guhagarika ukwishyurwa kw'amasheki aya n'aya cyangwa se asaba gukura umubare uyu n'uyu w'amafaranga kuri konti isangiwe, ibyo byose mu gihe bigira icyo bihindura kuri konti isangiwe bizashyirwa mu bikorwa na banki mu gihe impapuro zitanga ayo mabwiriza zashyizweho umukono n'umubare w'abantu usabwa bafite uburenganzira bwo gutanga amabwiriza mu bijyanye n'iyo konti. Hubahirizwa kandi ibyo byose mu birebana n'amasheki cyangwa se izindi nyandiko ziha Banki amabwiriza yo gukura umubare uyu n'uyu w'amafaranga kuri izo konti.

Ibisabwa kwerekanwa n'ingwate.

3. Igihe umukiliya arimo asaba inguzanyo muri banki, werekana kandi ugatanga ibikurikira:

(a) Kwerekana ko ibyemezo byose usabwa gutanga ngo ubone iyo nguzanyo kandi bigaragaza ko uzajya wishyura banki wabibonye kandi ko byatangira kubahirizwa.

(b) Amasezerano y'ubwishingizi ajyanye n'iyo nguzanyo atangwa na sosiyeti y'ubwishingizi, amasezerano ya sosiyeti cyangwa se yawe bwite bizafatwa nk'amategeko mugomba gukurikiza (havuyemo banki), agakurikizwa mugendeye ku mabwiriza yanyu mwese.

(c) Nta muntu ugukurikirana mu bucamanza cyangwa se nta rubanza wahamagawemo cyangwa se umwishingizi wawe nk'umuntu uregwa, bishobora kugira ingaruka zitari nziza ku bahujwe n'amasezerano mu bijyanye n'amafaranga cyangwa se ibindi.

(d) Uguze cyangwa umwishingizi, kubirebena n'ideni afitiye banki cyangwa undi muntu (hakurikijwe abo yaba yarishingiye)

(e) Usaba inguzanyo afatwa nk'umunyamuryango ufite uburenganzira budasesuye wa sosiyeti yikorera ku giti cyayo iriho nk'uko amategeko y'u Rwanda abyemera kandi usaba inguzanyo akaba yaratangiye gusaba ibyemezo bya ngombwa kugira ngo atangire imirimo ye mu nguzanyo yahawe kandi akaba yarakurikije ibisabwa n'amategeko yerekeranye n'ubucuruzi bwayo.

(f) Usaba inguzanyo yatanze amakuru yose kuri banki nk'uko yabisabwaga nta na make akuyemo kandi hakaba nta bintu byahindutsemo kuva igihe yayatangiyeho byatuma agaragara ko atuzuye cyangwa se akayobya banki.

(g) Ni ukuva mu gihe kihe ibyemezo by'umutungo by'usaba inguzanyo byasuzumwe n'ababishinzwe (ibyo byemezo bikaba kandi byarateguwe hakurikijwe uko amategeko y'u Rwanda mu bijyanye n'icunga-mutungo abigena), ayo mategeko akaba yarakurikijwe buri gihe ku buryo ibyo byemezo by'umutungo bigaragaza neza kandi by'ukuri uko umutungo w'usaba inguzanyo ungana, n'abo bafatanije bose muri ubwo bucuruzi, nta mpinduka mbi yabayeho yahungabanya umutungo waba uw'ibintu cyangwa se amafaranga w'usaba inguzanyo kandi ibyangombwa byose n'ingwate byasabwaga usaba inguzanyo azahora abyerekana igihe cyose azaba akirimo umwenda wa banki.

Uburenganzira bwa banki bwo gufatira amafaranga y'umukiliya.

4. Banki ifite uburenganzira, itabanje no kumenyesha umukiliya, bwo gukura amafaranga kuri konti y'umukiliya mu rwego rwo kwiyishyura umwenda mu gihe ibona ko umukiliya nta bushobozi yagaragaje bwo kwishyura, cyangwa se ikaba yayakura ku muntu wundi wishingiye uwo mukiliya:

(i) Konti yindi iyo ariyo yose, yaba ari iyo kubitsaho no kubikuza, iy'inguzanyo, kwiteganiriza cyangwa se indi konti y'ubwoko ubwo aribwo bwose,

(ii) Igihe icyo aricyo cyose cyangwa se andi mafaranga abikijwe

---

Igihe amabwiriza ahabwa banki yo kwishyura atangiwe hamwe ari menshi.

5. Mu gihe banki ihawe n'umukiliya amabwiriza atandukanye kandi mu gihe gisa nk'aho ari kimwe, kandi umubare wishyurwa uri muri ayo mabwiriza ukaba uruta umubare w'amafaranga agaragara kuri konti y'umukiliya, banki ishobora gufata icyemezo cyo kwishyura ayo mafaranga mu buryo yumva ko bukwiye, ihereye ku mubare w'amafaranga agaragara kuri konti agomba gukoreshwa yishyura ibivugwa muri ayo mabwiriza.

Amafaranga abakiliya basabwa kwishyura banki.

6. Banki ifite uburenganzira bwo kwishyurwa n'umukiliya kandi ishobora gukura amafaranga kuri konti y'umukiliya mu rwego rwo kwishyura ibi bikurikira:

(a) Inyungu – inyungu (harimo inyungu z'ubukererwe kwishyura) kuri buri konti iba yarakuweho amafaranga aruta ayiriho, konti yafashweho umwenda, cyangwa se indi serivisi yose yaba yaratanzwe na banki ku mukiliya, ku nyungu ku mwaka zishyirwaho na banki mu buryo ibona ko bukwiye itiriwe ibimenyesha umukiliya kandi mu buryo bujyanye n'amategeko. Iyi nyungu ibarwa bahereye ku mafaranga umuntu aba asigaje kuri konti buri munsi kandi igakatwa kuri konti buri kwezi.

(b) Andi mafaranga akatwa kuri konti ashyirwaho n'amategeko – "umukiliya n' umutera-nkunga we" ni amafaranga yose banki yishyura aba yunganira mu by'amategeko mu bijyanye n'amakonti y'abakiliya cyangwa se yishyurwa kubera ibyo umukiliya aba yakoze byose bijyanye na konti ye.

(c) Andi mafaranga yishyurwa azwi kw'izina rya komisiyo – ni andi mafaranga yishyurwa banki kubera serivisi zitandukanye iba yaratanze ku bakiliya. Uburyo banki ibara ayo mafaranga n'igihe iyishyuriza niyo ibigena.

(d) Andi mafaranga yishyuzwa na banki – uretse amafaranga akatwa kuri za konti twavuze ku mirongo (a), (b) na (c) y'izi ngingo, hari andi mafaranga akatwa yashyizweho na banki yishyurwa rimwe na rimwe, nk'uko asobanurwa cyane cyane mu gitabo cya banki cy'inyungu n'amafaranga byishyurwa n'abakiliya.

Ibyemezo by'imiterere ya konti byemewe n'abakiliya.

7. Ibikubiye mu byemezo by'imiterere ya konti byohererezwa abakiliya bizafatwa nk'aho umukiliya yabyemeye ko ari ukuri mu gihe atigeze abihinyura mu minsi itarenga 28 abyakiriye, nyuma y'iyi minsi nta bubasha umukiliya afite bwo guhinyura ibyo bikubiye muri iyo miterere ya konti cyangwa se;

Mu gihe habayeho ugutinda k'umukiliya mu gutanga ibaruwa ihinyura ibikubiye muri ibyo byemezo by'imiterere ya konti

8. Si ngombwa ko Banki itangira gushakashaka ibitaragenze neza muri konti y'umukiliya keretse mu gihe habayeho inyandiko y'umukiliya ihinyura ibyemezo yahawe bijyanye na konti ye, iyo nyandiko akayigeza ku buyobozi bwa banki mu gihe cyumvikana, nta bukererwe bubayeho nyuma y'uko abonye ibyo byemezo.

Gutanga sheki kuri banki ngo zishyurirwe kuri konti y'umukiliya.

9. Banki ntizasubiza inyuma za sheki izo arizo zose cyangwa se izindi mpapuro zitanga amategeko yo kwishyura z'ubwoko butandukanye kandi ingaruka mbi zishobora kubiturukamo zizishingirwa n'umukiliya. Amafaranga yose ashyizwe kuri konti itari yo na banki agomba gusubizwa banki mu gihe cy'amasaha 24 hamwe n'inyungu zose zijyanye nayo nk'uko banki yaba ibisabye umukiliya.

Banki ifite uburenganzira bwo guhakana amakosa yabayeho.

10. Mu gihe umukiliya wa banki cyangwa se undi muntu wese atigeze amenyesha banki ko hari amategeko yo kwishyura atarashyizwe mu bikorwa cyangwa se habayemo irindi kosa, umukiliya ntacyo agomba kubaza banki. Ariko banki izakora ibishoboka byose kugira ngo ayo mategeko ashyirwe mu bikorwa mu gihe umukiliya azaba yayimenyesheje mu bihe bikwiye.

Kwishyurwa kw'amafaranga aba yabikujwe arenga umubare w'amafaranga uri kuri konti.

11. Banki ifite uburenganzira bwo gusaba ko umukiliya ahita ayisubiza amafaranga yayo mu gihe yabikuje amafaranga arenga ayo yari afite kuri konti.

    (a) Mu gihe banki yakiriye sheki izanywe n'undi muntu utari umukiliya wayo, ishobora kubanza kubaza umukiliya wayo cyangwa se undi muntu ufite ububasha kuri iyo konti niba koko yemeza ko amafaranga ari kuri iyo sheki yishyurwa uwo muntu uyizanye.

    (b) Mu gihe umukiliya asaba Banki ko yakwishyura, ingingo ya 16.

    (c) Kuri ibyo, umukiliya yishyura Banki indishyi zemeranijweho kubera kubera umubare w'ayo ma sheki banki iba yarishyuye uwayazanye kwishyurwa, umukiliya wa banki yaba mu by'ukuri yaragejejweho ayo mafaranga cyangwa se ntayagezweho, cyangwa se amabwiriza yo kwishyura yaba yaraturutse koko ku mukiliya cyangwa se ntamuturukeho.

Mu gihe banki yakiriye inyandiko y'umukiliya yo guhagarika sheki, Banki izakurikiza iyo nyandiko mu gihe yashyizweho umukono n'umuntu ufite ububasha kuri iyo konti kandi iyo nyandiko ikaba yaragejejwe kuri banki mbere y'uko iyo sheki isabwa guhagarikwa yishyurwa.

Uburenganzira bujyanye n'ingwate.

12 .(a) Mu gihe umukiliya afite umwenda wa Banki, iyo Banki ifite uburenganzira bwo kuba yafatira imitungo y'uwo mukiliya mu gihe iyo mitungo iri mu maboko ya Banki, twavugamo nk'amafaranga aba abitswe muri Banki, ibicuruzwa, indi mitungo itandukanye yaba iri mu bubiko bwa banki, amasheki yatanzwe kuri banki kugira ngo yishyurwe kuri konti y'uwo mukiliya, indi mitungo yose yaba iyimukanwa cyangwa se itimukanwa, amafagitire yaba yishyuzwa n'umukiliya ariko agomba kwishyurirwa muri banki, umukiliya yaba yarishyuye banki ayo mafaranga cyangwa se atarayishyuye.

(b) Mu gihe bibaye ngombwa ko banki yakoresha ububasha ifite bwo kuba yakura umubare uyu n'uyu w'amafaranga kuri konti imwe y'umukiliya uyifitiye umwenda ikayashyira kuri konti ye yindi ifite umwenda, umutungo w'umukiliya wavuzwe haruguru mu gika cya 12 (a) ufatwaho ingwate na banki kubera umwenda waturutse kuri iyo ngwate.

(c) Banki ishobora kumenyesha umukiliya wayo mu nyandiko ko niba umwenda agezemo banki utishyuwe mu gihe kitarenze icyo banki yateganije nyuma y'uko uwo mukiliya yakiriye iyo nyandiko, banki ishobora guhita ishyira mu bikorwa ububasha ifite itiriwe yongera kumenyesha umukiliya, ku birebana n'imitungo umukiliya afite muri banki kugira ngo yiyishyure uwo mwenda.

Mu gihe bibaye ngombwa ko Banki ishyira mu bikorwa ububasha ifite hakurikijwe ingingo zatangajwe mu gika cya 12, imitungo y'amafaranga yaba ibikijwe muri banki mu mafaranga yo mu mahanga igomba gufatwaho ingwate na banki, banki ifite uburenganzira bwo kuyahindura mu mafaranga y'amanyarwanda hakurikijwe imibare igaragaza agaciro k'ifaranga kuri uwo munsi mbere y'uko iyafataho ingwate. Banki ntiyishingira igihombo gishobora guturuka kw'ivunja ry'ayo mafaranga akurwa mu mafaranga y'amahanga ashyirwa mu mafaranga y'u Rwanda.

Impinduka mu masezerano cyangwa se iseswa ryayo.

13. Banki ishobora kohereza umukiliya wayo igihe icyo aricyo cyose inyandiko imumenyesha ko igiye gusesa amasezerano cyangwa se guhindura imikoranire yayo n'umukiliya kandi ishobora gusaba ko umukiliya yishyura imyenda yose arimo banki biturutse kuri iryo seswa cyangwa se ihinduka ry'amasezerano.

Ihagarikwa ry'ibikorwa byose bya konti.

14. Banki ishobora guhagarika konti y'umukiliya igihe icyo aricyo cyose mu gihe i) habayeho intonganya hagati y'umukiliya na Banki, ii) mu gihe Banki ikeka ko habayeho ubujura kuri iyo konti kandi ibifitiye gihamya cyangwa se iii) mu gihe umukiliya arimo akoresha konti ye mu bintu bitemewe n'amategeko, iv) cyangwa se mu gihe Banki ikeka ko umukiliya wayo adafite ububasha bwo gukoresha iyo konti.

Udutabo twa sheki.

15. Agatabo ka sheki gahabwa umukiliya na Banki ye, hakurikijwe amabwiriza aba yatanzwe muri ako gatabo. Banki ifite uburenganzira bwo kwanga kwishyura umubare w'amafaranga uri kuri sheki izanywe n'umukiliya wayo cyangwa undi muntu wese yahawe, mu gihe iyo sheki itujujwe mu buryo bwateganijwe bugaragara muri ako gatabo.

Ubwishyu bw'amafaranga.

16. (a) Banki izemera kwishyura amafaranga gusa mu gihe sheki yashyizweho umukono n'umuntu wahawe uburenganzira bwo gusinya kuri iyo sheki, imbere y'umukozi wa Banki wishyura; konti y'umukiliya yabikujweho amafaranga arenze ayari ayiriho.

(b) Mu gihe sheki igomba kwishyurwa amafaranga izanywe n'undi muntu utari umukiliya wa Banki, Banki ishobora kubanza kubaza nyir'ikonti cyangwa se undi muntu ufite uburenganzira kuri iyo konti mbere y'uko isohora amafaranga.

(c) Mu gihe umukiliya wa Banki yahaye iyo Banki amategeko yo kwishyura nk'uko twabivuzeho mu ngingo ivugwa hejuru 16 (b), umukiliya yishyura Banki ye indishyi mu buryo bwemejwe na Banki kubera ubwishyu bwose Banki yaba yarakoze yishyura uwaje yitwaje sheki y'umukiliya, amafaranga yaba yarakiriwe n'umukiliya wayo cyangwa se amategeko yo kwishyura yaratanzwe mu by'ukuri n'uwo mukiliya.

Mu gihe umukiliya yandikiye Banki ye ayisaba kutishyura sheki iyi n'iyi, Banki izakurikiza ibyanditswe muri iyo nyandiko mu gihe gikwiye, mu gihe kandi iyo nyandiko yashyizweho umukono n'umuntu ubifitiye ububasha kandi ikagezwa ku biro bya Banki mbere y'uko iyo sheki yishyurwa.

Ibyo Banki yemera kwishingira.

17. Nta kintu na kimwe umukiliya wa banki cyangwa se undi muntu wese azabaza Banki ye mu gihe hari sheki yishyuwe na Banki kandi iyo sheki ikaba yarashyizweho umukono n'umuntu wagerageje kwigana umukono wa nyir'ikonti, mu gihe:

(a) Umukiliya yorohereje ubwo bujura adacunga sheki ze neza; cyangwa

(b) Hari ikindi gihe sheki y'umukiliya yibwe igashyirwaho undi mukono utari uwa nyirayo kandi umukiliya ntabimenyeshe Banki ngo ihagarike kwishyura iyo sheki

---

Agaciro k'impapuro

18. Banki ntabwo yishingira impapuro zose zishobora kuba zarakozwe mu bujura zigakoreshwa muri Banki tukaba twavugamo nk'impapuro zikoreshwa n'abatwara imizigo zigaragaza ibicuruzwa biba byashyikirijwe ahantu, inyemeza-buguzi, ingwate, amasezerano y'ubwishingizi, n'izindi.

Konti z'amafaranga yo mu bindi bihugu.

19. Zikurikiza amategeko yose harimo n'aya guverinoma akoreshwa:

Mu gihe yabisabwe n'umukiliya, Banki izashyira cyangwa se ikure kuri konti ye ikigereranyo mu mafaranga y'amanyarwanda umutungo w'umukiliya wose uri mu mafaranga y'amanyamahanga ikayashyira ku makonti ari mu yandi ma banki kw'isi yose akorana n'iyo banki ye; amakonti ari mu mafaranga y'ibindi bihugu azahora ari mw'izina rya banki ariko imikorere yayo izishingirwa n'umukiliya, aho twavugamo n'ingaruka mbi zishobora guterwa n'amategeko, imisoro cyangwa se izindi ngamba zafatwa zagira ingaruka ku ma konti y'amafaranga y'amahanga, imikorere y'ayo makonti agomba kugengwa gusa n'umukiliya wa banki mu bijyanye n'amasheki, kohereza amafaranga bikozwe mw'izina ry'umukiliya cyangwa se undi muntu mu mafaranga y'ibanze kandi mu buryo Banki yemeje.

Uburyo amabaruwa cyangwa se andi makuru yohererezwa Banki cyangwa Umukiliya.

20. (a) Amatangazo yose, ibyemezo by'imiterere ya konti, amabaruwa hamwe n'ibindi byose umukiliya yakenera kohererezwa Banki ye cyangwa se biva muri Banki bijya ku bakiliya bizoherezwa kuri aderesi yatanzwe.

(b) Inyandiko yose yaturuka muri Banki yohererejwe umukiliya, harimo n'inyandiko yose yaba irebana n'aya mabwiriza, izafatwa ko yageze ku mukiliya kw'italiki yasohokeyeho, kandi mu gihe yaba yoherejwe inyujijwe mw'iposita, kuri iyo nyandiko hazaba hariho kashe y'iposita igaragaza italiki yoherejweho.

(c) Ntacyo umukiliya azabaza Banki mu gihe habayeho ugutakara, ugukererwa, cyangwa se ugucibwa kw'inyandiko, ugukorwamo kopi nyinshi, cyangwa se ikindi kintu kitagenda neza mu gihe cyo kohererezanya inyandiko, yaba ituruka cyangwa se igana ku mukiliya, Banki cyangwa se undi muntu, yaba yaroherejwe inyujijwe ku muntu ushinzwe gutanga amabaruwa, mw'iposita, kuri fax, telefoni cyangwa se telex, kabone n'iyo yaba yanyujijwe mu bundi buryo butavuzwe haruguru.

Uburyo inyito y'ijambo yumvikana.

21. Muri aka gatabo k'amabwiriza n'amategeko rusange, ijambo "Umukiliya" rizasobanura umuntu cyangwa se abantu, sosiyeti cyangwa se ishyirahamwe, mu gihe kandi iryo jambo rigizwe n'abantu babiri cyangwa benshi kurushaho, rizakurikizwa n'ijambo risobanura umuntu umwe muri abo benshi cyangwa se bose bashyize hamwe.

Gutangaza amakuru.

22. Banki ishobora gutangaza amakuru arebana n'umukiliya wayo ku wundi muntu yerekeranye n'ukutishyura k'umukiliya. Ubwo burenganzira bwo gutangaza amakuru bushobora no kugera ku makuru ari muri aya mategeko n'amabwiriza rusange. (harimo n'uburyo uburenganzira bwa sosiyeti cyangwa se Banki bugenda buhinduka muri aya mabwiriza n'amategeko rusange).

Uburyo Banki itanga uburenganzira cyangwa ikabwimura.

23. Banki ishobora gutanga cyangwa se ikikuraho uburenganzira bumwe cyangwa se bwose mubwo ifite, inyungu ifite cyangwa se umurimo igomba gukora ihereye kuri aya mategeko n'amabwiriza rusange, ikabyimurira ku wundi muntu uwo ariwe wese kandi igihe icyo aricyo cyose. Mu gihe umukiliya arimo asaba inguzanyo muri Banki, si ngombwa ko batanga uburenganzira bwose kw'ifishi y'umukiliya yo gufunguza konti.

Impinduka.

24. Banki ifite uburenganzira bwo kuba yahindura aya mabwiriza n'amtegeko rusange cyangwa se igice kimwe muri yo, mu gihe hariho ingingo cyangwa se itegeko ribisaba. Inyandiko imenyesha ko habayeho impinduka muri aya mabwiriza n'amategeko rusange izohererezwa umukiliya cyangwa se habeho kubitangaza, Banki niyo izahitamo uburyo imenyesha iyo mpinduka, kandi umukiliya asabwa kubahiriza ibizaba byahindutse muri yo.

UMUKONO W' UWAKIRIYE KANDI AKEMERA IBYAVUZWE MURI IYI NYANDIKO.

Twebwe ..... Agasanduka k'iposita .....

Turemeza ko twasomye kandi twasobanukiwe amabwiriza n'amategeko yatanzwe muri iyi nyandiko kandi twumvikanye ko twiyemeje kuzayakurikiza.

Bikozwe kuri uyu munsi wa ..... w'ukwezi kwa ..... umwaka wa .....

Kashe ya sosiyeti ishyizwe kuri iyi nyandiko, imbere y'aba bantu bakurikira:

Diregiteri: .....)

.....)

Diregiteri/ Umunyamabanga: .....)

.....)

(Mukosore uko bikwiye mu gihe umukiliya ari umuntu kugiti cye, sosiyeti y'umuntu cyangwa se ishyirahamwe ry'abantu benshi.)

ABANTU KU GITI CYABO / AMASOSIYETI Y'ABANTU BARENZE UMWE / BA NYIR'AMASOSIYETI KU GITI CYABO

Nemeje/ twemeje ko nasomye/ twasomye amategeko n'amabwiriza rusange yatanzwe muri iyi nyandiko kandi twiyemeje kuyemera no kuyakurikiza.

Bikozwe kw'italiki ya _____ _____ 20_____
(umunsi) *(ukwezi)* *(umwaka)*

Izina	Umurimo ushinzwe	Umukono
1. _____	_____	_____
2. _____	_____	_____
3. _____	_____	_____
4. _____	_____	_____

Lisiti ifasha kureba ko ibyangombwa byose byuzuye.

Impapuro zisabwa

Ibisabwa | Ibihari

AMASOSIYETI.

1. Kopi y'uruhusa rubemerera gukora nka sosiyeti rwashyizweho umukono na noteri ☐
2. Kopi iriho umukono wa noteri w'ingingo zigenga ishingwa rya sosiyeti ☐
3. Icyemezo cy'itanga-bubasha ☐
4. Icyemezo cy'abagize inama y'ubutegetsi ☐
5. Kopi ziriho umukono wa noteri z'indangamuntu cyangwa se pasiporo za ba Diregiteri ☐
6. Amafoto abiri magufi ya ba Diregiteri / abahabwa bubasha kuri konti ya sosiyeti ☐
7. Kopi y'icyemezo kiranga sosiyeti mu biro bishinzwe imisoro naba Diregiteri ku giti cyabo / abahabwa bubasha ☐
8. Shyiraho icyemezo kigaragaza imiterere y'imari ya sosiyeti (byibura icyemezo cy'umwaka wose ushize) ☐
9. Icyemezo giheruka cyerekana amafaranga yose yinjiye muri sosiyeti mu gihe cy'umwaka ☐

KOPERATIVE CYANGWA SE AMASHYIRAHAMWE

1. Kopi iriho umukono wa noteri y'amategeko ashyiraho ishyirahamwe ☐
2. Lisiti y'abanyamuryango bagize akanama k'ubutegetsi ☐
3. Kopi iriho umukono wa noteri y'icyemezo cy'akanama k'ubutegetsi ☐
4. Amafoto abiri magufi y'abagize akanama k'ubutegetsi bose / abahabwa bubasha bemewe ☐
5. Kopi ziriho umukono wa noteri z'amaranga muntu cyangwa se pasiporo z'abagize akanama k'ubutegetsi ☐
6. Kopi y'icyemezo kiranga ishyirahamwe mu biro bishinzwe imisoro ☐

SOSIYETI Y'UMUNTU KU GITI CYE

1. Kopi iriho umukono wa noteri y'icyemezo cy'ubucuruzi ☐
2. Kopi ziriho umukono wa noteri z'iranga muntu cyangwa se pasiporo ☐
3. Amafoto abiri magufi ☐
4. Kopi y'icyemezo kimuranga mu biro bishinzwe imisoro ☐

Ahagenewe kuzuzwa na Banki gusa

RIM 1 _____ RIM 2_____ RIM 3_____ RIM4 _____

RSM No _____ Italiki _____ Nimero ya Konti _____

Ifishi yujujwe na

Amazina _____

Italiki _____

Umukono _____

Byanditswe na

Amazina _____

Italiki _____

Umukono _____

Byasubiweno na

Amazina _____

Italiki _____

Umukono _____

Bitanzwe na

Amazina _____

Italiki _____

Umukono _____